Department of Health and Human Services
Maine People Living Safe, Healthy and Productive Lives

Paul R. LePage, Governor Ricker Hamilton, Commissioner

Uburenganzira bwo gutangaza amakuru

Twiyemeje kuzagira ibanga amakuru yawe.
Gerageza gusomana iyi nyandiko ubushishozi.

Ese ni ibihe biro bya DHHS byagufasha? Bishyireho akamenyetso.

❒Ibiro bya serivisi za MaineCare	❒ Serivisi z'Ubuzima bwo mu mutwe n' izijyanye n'ibiyobyabwenge
❒Ibiro by'ubwigenge bw'umuryango n'Itsinda ryo gusuzuma ibijyanye n'ubuvuzi	❒ Ibiro bya Serivisi z'Abana n'Umuryango
❒ Ikigo cyo gukumira no kugenzura indwara muri Maine	❒ Ibiro bitangirwamo serivisi z'abafite ubumuga n'abageze mu zabukuru
❒ Ikigo cy'indwara zo mu mutwe cyitwa "Dorothea Dix Psychiatric Center"	❒ Ibiro bishinzwe imanza
❒ Ikigo cy'indwara zo mu mutwe kitwa "Riverview Psychiatric Center"	❒ Ikindi:

Ese ni amakuru yande arimo gutangazwa? Andika ku buryo bugaragara neza.

Izina ry'umuntu		Itariki y'amavuko	Nomero y'ubwiteganyirize
Aderesi z'aho atuye	Umujyi	Leta	Agasanduku k'Iposita
Telefoni ( ) -		Imeyili @	

Ese ni ayahe makuru DHHS yakagombye gutangaza? Shyira akamenyetso ku makuru yose yakagombye gutangaza.

<u>Uruhushya rusange</u>: ❒**Amakuru** yose y'ubuzima ari mu biro bya DHHS byagaragajwe hejuru ❒Ibibazo cyangwa amakuru yabonywe (amakuru yerekeye ibikorwa byo gusura abatanga serivisi z'ubuzima) ❒Kwishyuza, kwishyura, ibyinjiye, ibijyanye na banki, imisoro, umutungo, cyangwa amakuru akenewe kugira ngo ubashe guhabwa ibigenerwa abari muri gahunda ya DHHS ❒Kurikiza amatariki cyangwa ubwoko bw'amakuru bikurikira: (Urugero "ikizamini cya laboratware ku itariki ya 02 Kamena 2017" cyangwa "Ibibazo kuva mu mwaka wa 2015-2017") _____ ❒Ibindi:_____	**<u>Uruhushya rwihariye</u>**: **Serivisi zerekeye ibiyobyabwenge** ❒Garagaza **amakuru** yose yerekeye ibiyobyabwenge mu makuru atangazwa ❒Garagaza gusa **amakuru** yihariye yerekeye ibiyobyabwenge yashyizweho akamenyetso: ❒Isuzuma n'Ubuvuzi ❒Inyandiko zerekeye ubuvuzi n'izemerera abarwayi gutaha ❒ Amateka yerekeye ibiyobyabwenge ❒Amakuru yerekeye kwishyura cyangwa kwishyuza ❒Imiterere y'Imibereho cyangwa ubufasha mu bijyanye n'imibanire ❒Ubuvuzi, ingano y'imiti cyangwa izindi serivisi zitangwa ❒Ibisubizo byo muri laboratwari ❒Ibindi: _____
<u>Uruhushya rwihariye</u>: Serivisi zerekeye ubuzima bwo mu mutwe cyangwa imyitwarire ❒Garagaza aya makuru mu makuru atangazwa ❒Ndashaka ko amakuru yerekeye ubuzima bwo mu mutwe cyangwa imyitwarire asuzumwa mbere y'uko atangazwa. Nsobanukiwe ko isuzuma rizagenzurwa. **Turabibutsa ko**: Itegeko rya Maine ritwemerera gusangira amakuru n'abandi batanga servisi zo kwita ku buzima ndetse n'indi mishinga y'ubuzima mu rwego rwo guhuriza hamwe ibikorwa bijyanye no kwita ku buzima (gutuma witabwaho) bityo tukazakora ibishoboka byose tukakumenyesha amakuru atangazwa.	**<u>Uruhushya rwihariye</u>: Ibisubizo bijyanye n'Agakoko gatera SIDA/ ibyavuye mu kizamini** ❒Garagaza aya makuru mu makuru atangazwa **Turabibutsa ko**: Itegeko rya Maine ridusaba kukubwira ingarukaushobora guhura nazo kubera gutangaza amakuru yerekeye agakoko gatera SIDA Nk'urugero, ushobora kwitabwaho ku buryo bwuzuye uramutse utanze ano makuru, ariko nanone ushobora guhura n'ivangura iyo amakuru yawe akoreshejwe nabi. **DHHS** izarinda amakuru yawe yerekeranye n'agakoko gatera SIDA, nk'uko itegeko ribisaba.

Ese urasaba DHHS kujya ikohererezа amakuru yawe ikoresheje IMEYILI? ❒ Yego.

Nubwo DHHS ifite uburyo bwo kurindira umutekano no kugira ibanga amakuru yanjye, nzi neza ko imeyili na interineti bishobora guhura n'ingorane DHHS idashobora kugenzura. Birashoboka ko amakuru ari muri imeyili ashobora gusomwa n'undi muntu. NEMEYE IZO NGORANE kandi nkomeje gusaba DHHS kohereza amakuru yanjye kuri imeyili**.** **SINYA HANO _____**
Ese DHHS igomba kohereza amakuru yawe hifashishijwe imeyili? Andika imeyili yawe ku buryo bugaragara neza:

Ese ni iyihe ntego y'amakuru atangazwa? Shyira akamenyetso ahabugenewe cyangwa wandike igisubizo.

❒Guhuriza hamwe cyangwa gucunga ibikorwa byo kwita ku buzima bwanjye
❒ Mu bijyanye n'amategeko, harimo no gutanga ubuhamya
❒Bisabwe n'umuntu ku giti cye ❒Kugenzura ko nemerewe guhabwa ibigenerwa abari muri gahunda cyangwa ubwishingizi ❒ Indi_____

Shyiraho akamenyetso kandi wandike ku buryo bugaragara ahakurikira: ❒Muzohereze amakuru yanjye kuri ❒Muzabona amakuru yanjye muyakuye kuri:

Amazina _____ Aderesi _____ Umujyi, Leta, Agasanduku k'Iposita _____ Nomero ya telefoni Nomero ya fagisi	Amazina _____ Aderesi _____ Umujyi, Leta, Agasanduku k'Iposita _____ Nomero ya telefoni Nomero ya fagisi

Nzi kandi nemeye ko:

- "Amakuru" ashobora kuba yanditse, avugwa mu magambo cyangwa ari mu buryo bw'ikoranabuhanga.
- Iyi nyandiko izatakaza agaciro **mu gihe cy'umwaka umwe** ubarwa uhereye ku itariki iri mu nsi keretse ntesheje agaciro uruhushya rwanjye mbere yawo.
- Kugira ngo nteshe agaciro uruhushya rwanjye, nzuzuza inyandiko yo gutesha agaciro uruhushya igaragara kuri http://www.maine.gov/dhhs/privacy/index.shtml maze nyohererezе ibiro bimpa serivisi. Ibi ntibizakurikizwa ku makuru DHHS yashyize hanze igendeye ku ruhushya natanze.
- Nindamuka ntesheje agaciro uruhushya rwanjye cyangwa nkanga ko igice cy'amakuru yanjye cyangwa amakuru yose anyerekeyeho atangazwa, ibi bishobora gutuma ntasuzumwa cyangwa ngo mvurwe uko bikwiye, cyangwa ntahabwa ubwishingizi.
- Nemereye abantu cyangwa ibiro bigaragara muri iyi nyandiko guhanahana amakuru hakurikijwe ikigamijwe n'iyi nyandiko.
- Amakuru y'ubuzima azatangwa n'abandi bita ku buzima (nk'abaganga, ibitaro cyangwa abajyanama) muri dosiye yanjye ya DHHS ari mu makuru azatangazwa.
- Uretse igihe ndimo gusaba ibigenerwa abari muri gahunda, DHHS ntabwo izashingira ku kuba nashyize umukono kuri iyi nyandiko igihe mvurwa, hishyurwa serivisi cyangwa ngenerwa ibindi biteganyijwe.
- Ibiro bya DHHS bizakomeza kugira ibanga amakuru yanjye nk'uko bisabwa n'amategeko. Nindamuka

mpisemo gusangiza amakuru yanjye abandi badasabwa n'amategeko ko bayagira ibanga, ibi bishobora gutuma atongera kurindwa n'amategeko yerekeye ibanga.

- Niba amakuru yerekeye gahunda cyangwa ubuvuzi bw'ibiyobyabwenge ari mu makuru atangazwa hakurikijwe iyi nyandiko, DHHS izashyiramo ingingo ivuga ko ayo makuru ashobora kutongera gutangazwa cyangwa gusangirwa ntabitangiye uruhushya rwanditse.

Nshyize umukono kuri iyi nyandiko ku bushake. Nshobora guhabwa kopi iriho imikono ndamutse nyisabye.

Itariki: _____ **Umukono** _____

Umuyobozi uhagarariye ikigo ushyira umukono kuri iyi nyandiko: _____